# Umunyabugugu ni wa wundi izina ryanjye rivugwa ahari ntansabire amahoro n'imigisha

Hadith yaturutse kwa Al Hussein Ibun Ally Ibun Abi Twalibi (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umunyabugugu ni wa wundi izina ryanjye rivugwa ahari ntansabire amahoro n'imigisha."
[Hadithi y'impamo]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yihanangirije ko umuntu uretse kuyisabira igihe yumvise izina ryayo rivuzwe, cyangwa se kimwe mu byayiranze ivuga ko ari umunyabugugu mu buryo bwuzuye, kubera impamvu zikurikira: Icya mbere: Kubera ko ari ukugirira ubugugu ikintu adafite icyo ahomba na gito aramutse agikoze, nta n'umutungo bimusaba, nta n'imbaraga bimusaba. Icya kabiri: Aba yigiriye ubugugu ndetse yiyimye ibihembo byo kuyisabira, kuko iyo yanze kuyisabira aba abaye umunyabugugu akibuza gukora inshingano ze yubahiriza itegeko. Icya gatatu: Ni uko kuyisabira harimo kubahiriza bumwe mu burenganzira agomba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kubera ko ariyo yatwigishije, ninayo yatuyoboye, ndetse ni nayo yaduhamagariye kwemera Allah Nyir'ubutagatifu, ituzanira n'ubu butumwa ndetse n'aya mategeko. Bityo niyo yabaye impamvu yo kuyoboka kwacu nyuma yo kubishobozwa na Allah. Kandi n'utayisabiye aba abaye umunyabugugu ku giti cye, no ku Ntumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku kintu gito yakabaye ayikorera.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5403